Prisons shall be established by Presidential Order. That order shall also set minimum standards for constructing prisons, taking into consideration the respect of neighboring residents and the protection of environment.

Article 17: Prison security

The prison management shall ensure security of a prison. In order to secure the prison, prison management shall work closely with security organs, judicial organs and local government authorities of the area where the prison is situated.

CHAPTER II: PRISON MANAGEMENT

Article 18: Prison management

The daily management of the prison is carried out by prison guards supervised by the Prison Director and governed by special statutes.

TITRE II: PRISONS ET LEUR GESTION

CHAPITRE PREMIER: PRISONS

Article 16: Création d'une prison

Toute prison est créée par Arrêté Présidentiel. Cet arrêté détermine également les normes minimales pour les constructions de chaque prison, en prenant en compte le respect des droits de la population environnante et la protection de l'environnement.

Article 17: Sécurité de la prison

La sécurité de la prison est assurée par l'administration de la prison. Dans le cadre de sauvegarder la sécurité de la prison, l'administration de la prison travaille étroitement avec les instances de sécurité, de justice ainsi qu'avec les autorités locales du lieu de prison.

CHAPITRE II : GESTION DE LA PRISON

Article 18: Gestion de la prison

La gestion quotidienne de la prison est assurée par les surveillants de prisons sous la supervision du Directeur de prison ; ils sont régis par un statut particulier.

Ingingo ya 19: Gucunga abantu bafunzwe

Abantu bafunzwe bacungwa n'abacungagereza bambaye imyenda yabigenewe bafite n'ibikoresho byabigenewe.

Abacungagereza bashinzwe kandi kurinda abantu bafunzwe iyo basohotse hanze ya gereza bagiye kuburana, gukora imirimo cyangwa basohotse ku zindi mpamvu.

Ingingo ya 20: Kugenza ibyaha bikorwa muri gereza

Umuyobozi wa gereza afite ububasha bw'ubugenzacyaha ku byaha abantu bafunzwe bakorera muri gereza cyangwa ahandi baba bemerewe kujya mu buryo buteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 21: Gukumira itoroka

Umucungagereza afite inshingano yo gukumira itoroka ry'abantu bafunzwe.

Umucungagereza ukeka ko umuntu ufunzwe yatorotse gereza, ashobora kumufata nta cyemezo yahawe n'ababifitiye ububasha akamusubiza kuri gereza cyangwa akamushyikiriza Sitasiyo ya Polisi y'u Rwanda iri hafi.

Ingingo ya 22: Gukoresha imbaraga

Umucungagereza yihatira kurangiza inshingano ze

Article 19: Surveillance of incarcerated persons

Incarcerated persons are under the surveillance of prison guards who have appropriate uniform and equipment.

Prison guards are also charged with surveillance of incarcerated persons if they leave the prison for trial, work or any other reasons.

Article 20: Prosecuting offences committed in prison

The Prison Director has the quality of officer of judicial police for offences committed by incarcerated persons both inside the prison or wherever else they are authorised by law to go.

Article 21: Prevention of escape

Prison guards have the duty to prevent incarcerated persons from escaping.

A prison guard who suspects that an incarcerated person has escaped from prison may arrest him/her without an arrest warrant issued by competent authorities, and return him/her to the prison or the nearest Rwanda Police Station.

Article 22: Use of force

The prison guard shall do his/her best to

Article 19: Surveillance de personnes incarcérées

Les personnes incarcérées sont gardées par des surveillants de prisons en uniforme appropriée et dotés d'un matériel approprié.

Les surveillants de prison sont également chargés d'assurer la sécurité des personnes incarcérées qui sortent de la prison pour comparaître en justice, exécuter des travaux ou pour d'autres raisons.

Article 20: Poursuite des infractions commises en prison

Le Directeur de prison a la qualité d'officier de police judiciaire pour les infractions commises par les personnes incarcérées à l'intérieur de la prison ou en tout autre lieu où elles ont été autorisées à se rendre conformément à la loi.

Article 21: Prévention de l'évasion

Le surveillant a le devoir de prévenir toute évasion des personnes incarcérées.

Tout surveillant qui pense qu'une personne incarcérée s'est évadée peut l'arrêter sans se munir d'un mandat délivré par les autorités compétentes et la remettre à la prison ou à la Station de Police du Rwanda la plus proche.

Article 22: Usage de la force

Le surveillant s'efforce d'exercer ses fonctions

hadakoreshejwe imbaraga. Icyakora, ashobora kwiyambaza imbaraga kugira ngo arangize inshingano ze iyo abona ko nta kundi yabigeraho.

Gukoresha imbaraga bigomba gukoranwa ubushishozi nta kurenza uburemere bw'ikosa rikurikiranywe.

Ingingo ya 23: Gukoresha imbunda

Gukoresha imbaraga z'imbunda bibanzirizwa no kuburira ukora icyaha. Iyo ukora icyaha yinangiye, umucungagereza uri ku kazi ashobora gukoresha imbaraga z'imbunda iyo yirwanaho, iyo hari umuntu ufunzwe utoroka no mu gihe arengera abantu bafunzwe. Icyo gihe ahita abimenyesha Ubuyobozi bwa Gereza, na bwo bukabimenyesha Komiseri Mukuru.

Ingingo ya 24: Gusaka

Umucungagereza ashobora:

1° kugenzura ikintu cyose kiri cyangwa cyinjiye muri gereza;

2° guhagarika no gusaka buri kinyabiziga kiri mu mbago za gereza;

3° gusaka umuntu usohoka cyangwa winjira muri gereza.

Umucungagereza uri ku kazi mu mbago za gereza ashobora kwangira umuntu uwo ari we wese kwinjira muri gereza mu gihe yanze gusakwa.

accomplish his/her duties without the use of force. However, he/she may use appropriate force as a last resort in order to accomplish his/her duties.

The use of force shall be applied reasonably and in proportion to the gravity of the act committed.

Article 23: Use of firearms

The use of firearms shall be preceded by a warning to the offending person. If the latter refuses to comply, a prison guard may use his/her firearm in self defence, to prevent the incarcerated person's escape, or for the protection of other incarcerated persons. Following such circumstances, the prison guard shall immediately inform the prison administration, who shall in turn inform the Commissioner General.

Article 24: Search

The prison guard may:

1° inspect any object within or brought into prison;

2° stop and search any vehicle within the premises of the prison;

3° search any person entering or leaving the prison.

A prison guard on duty in the prison yards may not allow any person who refuses to be searched to enter the prison premises, and the guard shall

sans recours à la force. Toutefois, il peut en faire usage en dernier recours.

L'usage de la force doit être raisonnable et proportionnel à la gravité de l'acte commis.

Article 23: Usage d'arme à feu

L'usage d'arme à feu doit être précédé d'un avertissement à l'égard du délinquant. Si ce dernier refuse d'obtempérer, le surveillant en service peut utiliser l'arme à feu en cas de légitime défense, d'évasion d'une personne incarcérée et de protection des personnes incarcérées. En pareilles circonstances, il en informe directement l'administration de la prison qui, à son tour, en informe le Commissaire Général.

Article 24: Fouille

Le surveillant peut :

1° contrôler tout objet se trouvant ou introduit dans la prison ;

2° arrêter et fouiller tout véhicule se trouvant dans les enceintes de la prison ;

3° fouiller toute personne entrant ou sortant de la prison.

Un surveillant de poste dans les enceintes de la prison peut interdire à toute personne qui refuse d'être fouillée d'entrer dans la prison. Elle peut

Ashobora no kumutegeka gusohoka mu mbago za gereza.

Mu gihe usatswe asanganywe igikoresho kitemewe n'amategeko, igikoresho cya za gereza, cyangwa gikoreshwa na gereza, umucungagereza wasatse ashobora kumufata agaherako amushyikiriza Umuyobozi wa Gereza ubisesengura bihagije mbere yo kumushyikiriza ubushinjacyaha bumwegereye.

Iyo ari umuntu ufunzwe, umucungagereza yemerewe gufata ibintu byose byasatswe bitemewe n'amategeko, akabishyikiriza Umuyobozi wa Gereza ubisesengura bihagije, akabikorera inyandiko ishyirwaho umukono na we n'uwabifatanywe, bigashyikirizwa ubushinjacyaha, hakurikijwe amategeko.

Iyo umuntu usakwa ari igitsina gore, asakwa n'umucungagereza w'igitsina gore. Iyo umuntu usakwa ari igitsina gabo asakwa n'umucungagereza w'igitsina gabo.

Gusakwa mu mubiri bikorwa na muganga wemewe na Leta.

Ingingo ya 25: Amadosiye y'abantu bafunzwe

Amadosiye y'abantu bafunzwe acungwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, buri dosiye y'umuntu ufunzwe iriho ifoto ye, umwirondoro we, nomero ye, itariki yafungiweho, ibyo aregwa, kopi y'urubanza n'andi makuru ari ngombwa kuri dosiye ye.

also order the person to leave the premises.

When a person being searched is found in unlawful possession of an object or item from the prison, the prison guard who carried out the search shall arrest that person and hand him/her over to the Prison Director who shall thoroughly analyze the case before handing him/her to the nearest public prosecution authority.

If the person is an incarcerated person, the prison guard is authorised to confiscate all items that are prohibited by law, and give them to the Prison Director who shall thoroughly analyze the case and prepare a statement thereof signed by him/her and the incarcerated person and submit the statement to the Public Prosecution in accordance with the law.

If the person to be searched is female, she shall be searched by a female prison guard. Where the person to be searched is male, he shall be searched by a male prison guard.

A body search shall be conducted by an authorized medical doctor.

Article 25: Files of incarcerated persons

Files of incarcerated persons shall be managed electronically, and each file shall include the incarcerated person's photo, names, identity number, date of incarceration, charges against him/her, copy of the court

aussi l'ordonner à quitter les lieux.

Si la personne fouillée se trouve en possession d'un objet illicite, d'un bien appartenant ou utilisé par les prisons, le surveillant qui a procédé à la fouille peut l'arrêter et la remettre au Directeur de Prison qui effectue une analyse minutieuse avant de la remettre à l'autorité de poursuite judiciaire la plus proche.

S'il s'agit d'une personne incarcérée, le surveillant est autorisé à saisir tous les objets illicites et les remettre au Directeur de prison qui en fait une analyse minutieuse et une constatation écrite signée conjointement par lui et la personne concernée et les remet à l'autorité de poursuite judiciaire conformément à la loi.

Si la personne à fouiller est de sexe féminin, la fouille est effectuée par une surveillante. Si la personne à fouiller est de sexe masculin, la fouille est effectuée par un surveillant de sexe masculin.

L'exploration corporelle est effectuée par un médecin agréé.

Article 25: Dossiers des personnes incarcérées

Les dossiers des personnes incarcérées sont gérés selon la méthode électronique et chaque dossier d'une personne incarcérée comporte sa photo, son identité, son numéro matricule, la date de son incarcération, les chefs

judgment, and any other necessary information regarding the file.

d'accusation, une copie de jugement ainsi que d'autres informations nécessaires sur son dossier.

Ubuyobozi bwa gereza bufite inshingano yo gukurikirana ko dosiye ya buri muntu ufunzwe ibamo ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

The prison administration has the duty to ensure that the file of any incarcerated person contains the required elements mentioned in the first paragraph of this Article.

L'administration de la prison a le devoir de veiller à ce que le dossier de toute personne incarcérée contienne les éléments repris à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 26: Kugenzura gereza

RCS iteganya ubugenzuzi bwa buri gihe muri gereza hagamijwe kureba ko amategeko n'amabwiriza byubahirizwa.

Ubushinjacyaha bukora igenzura rihoraho, kugira ngo burebe ko amategeko y'imikurikiranire n'imiburanishirize y'abakoze ibyaha n'ibihano bahawe byubahirizwa.

Gereza zigenzurwa kandi n'imiryango mpuzamahanga hashingiwe ku masezerano u Rwanda rwemeje.

Article 26: Inspection of prisons

RCS provides for a regular inspection of the prisons to ensure compliance with the laws and regulations.

The Public Prosecution shall carry out regular inspections of the prisons to ensure that legal procedures and the sentences determined by courts are being observed.

Prisons shall also be inspected by international organizations, according to international conventions ratified by Rwanda.

Article 26: Inspection de prisons

RCS prévoit l'inspection permanente de la prison en vue de s'assurer du respect des lois et règlements.

L'organe de poursuite judiciaire procède à l'inspection permanente des prisons en vue de s'assurer que les procédures de poursuites judiciaires et l'exécution des peines prononcées contre les coupables sont respectées.
Les prisons sont également inspectées par les organisations internationales suivant les conventions internationales ratifiées par le Rwanda.

Ingingo ya 27: Gusura gereza

Inzego za Leta, imiryango nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mpuzamahanga ikorera mu Rwanda cyangwa imiryango mvamahanga, bifite mu nshingano zabyo kurengera uburenganzira bwa Muntu n'ubutabazi n'abakora ubushakashatsi bashobora guhabwa uburenganzira bwo gusura gereza.

Article 27: Prison visits

State organs, local or international non-governmental organisations working in Rwanda, international organisations providing human rights protection or humanitarian aid and researchers may be authorized to carry out prison visits.

Article 27: Visites de prison

Les organes étatiques, les organisations non gouvernementales nationales ou internationales oeuvrant au Rwanda ou les organisations internationales chargées de la protection des droits de la personne et des actions humanitaires et des chercheurs peuvent être autorisées à visiter des prisons.

INTERURO YA III : IFUNGA, IFUNGURA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RYA TIG

UMUTWE WA MBERE : IFUNGA N'IFUNGURA

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'umuntu ufunzwe n'ibyo ategetswe

Ingingo ya 28: Iyinjizwa muri gereza

Nta wushobora kwinjizwa muri Gereza nta cyemezo cy'ubucamanza gifite itariki, inomero, umukono n'amazina by'ugitanze, kashe y'Urukiko rumufunze, umwirondoro w'umuntu ufunzwe n'itariki y'umunsi wa mbere yafatiweho.

Icyo cyemezo cyandikwa mu gitabo cyabigenewe hakagaragazwa impamvu afunzwe, igihe azamara afunzwe, urwego rwabyemeje, umunsi n'isaha, nyuma kikabikwa muri dosiye ye.

Mbere y'uko umuntu ufunzwe yinjizwa muri gereza, ibintu bitemewe kwinjiranwa birabarurwa bikandikwa mu gitabo cyabigenewe umufungwa n'Umuyobozi wa Gereza bakabishyiraho umukono. Muri ibyo bintu bitemewe kwinjiranwa, hari ibibikwa na gereza, ibitwikwa cyangwa ibisubizwa mu rugo rw'ufunzwe.

Amategeko ngengamikorere ya za gereza agena uburyo ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo

TITLE III: DETENTION, RELEASE, AND EXECUTION OF TIG

CHAPTER ONE: DETENTION AND RELEASE

Section one: Rights and obligations of an incarcerated person

Article 28: Admission into prison

No person shall be admitted into prison without a committal order bearing the date, number, signature and the names of the issuer, stamp of the Court that ordered the imprisonment, particulars of the incarcerated person and the date of his/her arrest.

The committal order shall be recorded in an appropriate register which indicates reasons for imprisonment, duration of imprisonment, the authority that approved it, day and date, and be kept in his/her file.

Before the person enters the prison, materials that are prohibited in prison shall be counted and recorded in the appropriate register, which shall be signed by the person to be incarcerated and the Director of the prison. Among the prohibited materials, some shall be kept by the prison, and others shall be destructed or taken back to the incarcerated person's residence.

The internal rules and regulations of the prisons shall determine the implementation of the

TITRE III: DETENTION, LIBERATION ET EXECUTION DE TIG

CHAPITRE PREMIER: DETENTION ET LIBERATION

Section première: Droits et obligations d'une personne incarcérée

Article 28: Admission en prison

Nul ne peut être admis en prison sans une décision judiciaire datée et numérotée, portant la signature et les noms de la personne qui l'a prise, le cachet de la juridiction qui a pris la décision, l'identité complète de la personne incarcérée, ainsi que la date de l'arrestation.

Ladite décision est reprise dans un registre pénitentiaire qui indique le motif et la durée de l'emprisonnement, l'instance qui l'a ordonné, le jour et l'heure. La décision est classée dans le dossier de la personne incarcérée.

Avant que la personne ne soit admise en prison, les objets prohibés dans la prison sont inventoriés et repris dans un registre pénitentiaire portant la signature de la personne à incarcérer et celle du Directeur de la prison. Parmi ces objets prohibés, certains sont gardés à la prison d'autres sont détruits ou remis à la résidence de la personne incarcérée.

Le règlement d'ordre intérieur des prisons détermine les modalités de mise en application des

bishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 29: Gufungirwa hafi y'umuryango

Igihe bishoboka umugororwa afungirwa muri gereza iri hafi y'umuryango we. Ashobora kwimurirwa mu yindi gereza, byemejwe na Komiseri Mukuru wa RCS.

Imfungwa ifite uburenganzira bwo kuburana mu gihe giteganywa n'amategeko. Igihe bibaye ngombwa ishobora kwimurirwa mu yindi gereza, byemejwe na Komiseri Mukuru wa RCS amaze kubyumvikanaho n'ubushinjacyaha bubifitiye ububasha.

Iyo imfungwa cyangwa umugororwa bimuriwe mu yindi gereza, ubuyobozi bwa gereza y'aho yari afungiye bubimenyesha urukiko rwamufunze n'undi muntu yahisemo ko abimenyeshwa. Iyo ari imfungwa bimenyeshwa kandi ubushinjacyaha bufite dosiye ye.

Ingingo ya 30: Ibitemewe gukorerwa umuntu ufunzwe

Umuntu ufunzwe agomba gufatwa ku buryo bwubahiriza uburenganzira bwa muntu; kurindwa by'umwihariko ibikorwa bibabaza umubiri, kurindwa kwicwa urubozo n'ibindi bikorwa byose bitesha agaciro umuntu.

Nta vangura iryo ari ryo ryose rigomba kubaho

provisions of paragraph 3 of this Article.

Article 29: Detention near the family

The prisoner shall be imprisoned near his/her family's residence whenever possible. He/she may be transferred to another prison, upon approval by the Commissioner General of RCS.

A detainee has the right to appear in court within the time prescribed by the law. He/she may be transferred to another prison when necessary and upon approval of the Commissioner General of RCS after consultation with the competent Public Prosecutor.

If a detainee or prisoner is transferred to another prison, the authorities of the former prison shall notify the court that ordered his/her imprisonment, and any other person chosen by the prisoner or the detainee. If the person is a detainee, the Public Prosecutor in charge of the detainee's file shall also be notified.

Article 30: Acts prohibited against an incarcerated person

An incarcerated person shall be treated at all times with the respect and dignity inherent to human beings. In particular, he/she shall be protected against any form of torture and cruel, inhuman or other degrading treatment.

Any form of discrimination based on ethnicity,

dispositions de l'alinéa 3 du présent article.

Article 29: Détention dans un lieu proche de la famille

Dans la mesure du possible, le prisonnier est incarcéré dans la prison la plus proche de sa famille. Il peut être transféré dans une autre prison sur décision du Commissaire Général de RCS.

Le détenu a droit à un procès dans les délais fixés par la loi. Il peut, en cas de nécessité, être transféré dans une autre prison sur décision du Commissaire Général de RCS après avis de l'Officer de poursuite judiciaire compétent.

Si le détenu ou le prisonnier est transféré dans une autre prison, la direction de la prison dans laquelle il était incarcéré en informe la juridiction qui a ordonné son emprisonnement et toute autre personne désignée par le détenu ou le prisonnier. En cas de détenu, l'Officer de poursuite judiciaire qui détient son dossier en est également informé.

Article 30: Actes interdits envers une personne incarcérée

La personne incarcérée doit être traitée dans le respect des droits de la personne ; particulièrement elle doit être protégée contre toute sorte de torture, et de tous autres traitements cruels, inhumains ou dégradants.

Toute discrimination, qu'elle soit basée sur

ryaba rishingiye ku bwoko, ku ibara ry'uruhu, ku gitsina, ku rurimi, ku idini, ku bitekerezo bya politiki, ku nkomoko zishingiye ku gihugu, ku muryango, ku bukungu, ku mivukire no ku bindi byose byashingirwaho.

Ingingo ya 31: Ishyirwa mu byiciro

Abantu bafunzwe bashyirwa mu byiciro, bagafungirwa mu byumba bitandukanye bya gereza hakurikijwe igitsina, imyaka yabo, imiterere y'ubuzima bwabo cyangwa ibihano bakatiwe n'inkiko.

Abantu bafunzwe bafite imyaka iri hagati ya cumi n'ine (14) na cumi n'umunani (18) by'umwihariko bagenerwa inyubako zihariye kandi bagomba gufashwa n'abakozi babifitiye ubushobozi.

Ingingo ya 32: Iyubahirizwa ry'uburinganire bw'umugabo n'umugore muri gereza

Muri gereza ifungiyemo abagabo n'abagore, igice kirimo abagore kigenzurwa n'abakozi b'igitsina gore. Nta mugabo winjiramo atari kumwe n'umukozi w'igitsina gore. Igice kirimo abagabo kigenzurwa n'abakozi b'igitsina gabo. Nta mugore winjiramo atari kumwe n'umukozi w'igitsina gabo.

race, sex, language, religion, political opinion, nationality, social and economic status, birth or any other ground is prohibited.

Article 31: Categorisation

Incarcerated persons shall be placed in categories and shall be confined in different compartments of the prison in accordance with their sex, age, health and sentences rendered by Courts.

Incarcerated persons between the ages of fourteen (14) and eighteen (18) years shall be detained separately from adults and supervised by competent employees.

Article 32: Respect of gender in prisons

In prisons where both females and males are incarcerated, the female prison cells shall be supervised by female prison officers. No male shall be allowed to enter into such areas without being accompanied by female prison officers. Cells where males are confined shall be supervised by male prison officers. No female shall be allowed to enter into such areas without being accompanied by a male prison officer.

l'ethnie, la race, le sexe, la langue, la religion, l'opinion politique, la nationalité, l'origine sociale, la fortune, la naissance ou toute autre situation, est prohibée.

Article 31: Catégorisation

Les personnes incarcérées sont classées par catégories et sont gardées dans des locaux distincts de la prison suivant leur sexe, leur âge, leur état de santé ou les peines prononcées par les juridictions.

Les personnes incarcérées âgées de quatorze (14) à dix huit (18) ans sont particulièrement gardées dans des locaux particuliers et encadrées par un personnel compétent.

Article 32: Respect du genre au sein des prisons

Dans une prison où sont incarcérés les hommes et les femmes, le local réservé aux femmes est surveillé par un personnel de sexe féminin. Aucune personne de sexe masculin ne peut y accéder sans être accompagné par un agent de sexe féminin. Le local où sont gardés les hommes n'est surveillé que par des agents de sexe masculin. Aucune femme ne peut y accéder sans être accompagnée par un agent de sexe masculin.

Ingingo ya 33: Uburenganzira bw'umwana uri kumwe na nyina muri gereza

Umugore utwite cyangwa wonsa ufunzwe yitabwaho by'umwihariko. Umwana uri ku ibere ahabwa ibimutunga bigenerwa abana bato, agahabwa umuryango we amaze imyaka itatu (3) y'amavuko. Iyo nta muryango ushobora kwakira uwo mwana, Leta imushakira aho arererwa.

Article 33: Rights of a child who stays with his/her incarcerated mother

Any incarcerated pregnant or breastfeeding woman shall be accorded special consideration. A child who is still breast feeding shall be entitled to adequate and nutritional food as required for infants, and shall be removed from the prison and given to his/her family at three (3) years of age. In case the child has no family to receive him/her, the State shall provide a place where he/she shall be cared for.

Article 33: Droits de l'enfant qui vit avec sa mère incarcérée

Une femme enceinte ou allaitante incarcérée bénéficie d'un traitement spécial. Le nourrisson bénéficie d'un régime alimentaire approprié aux enfants en bas âge et est remis à sa famille à l'âge de trois (3) ans. Si le nourrisson n'a pas de famille devant l'accueillir, l'Etat lui cherche le milieu d'accueil.

Ingingo ya 34 : Imyambaro y'imfungwa n'abagororwa

Abafungwa bahabwa imyambaro ifite ibara ritandukanye n'iry'imyambaro y'abagororwa.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa.

Article 34: Uniform of detainees and prisoners

Detainees shall be given different colored uniform from that of prisoners.

A Ministerial Order shall determine methods of implementing provisions of this Article.

Article 34: Uniformes des détenus et des prisonniers

Les détenus portent un uniforme de couleur différente de celle des prisonniers.

Un Arrêté Ministériel détermine les modalités de mise en application des dispositions du présent article.

Ingingo ya 35: Ibyo inyubako za gereza zigomba kuba zujuje

Amazu yakira abantu bafunzwe agomba kugira ibyangombwa by'ibanze byerekeye isuku, amazi, uruhumekero ruhagije, urumuri n'umwanya bituma abantu bafunzwe bakomeza kugira ubuzima bwiza n'isuku ku mubiri.

Article 35: Standards required for prisons

Prison quarters shall meet minimum physical standards with respect to hygiene, water, adequate ventilation, light and space in order to ensure the health and hygiene of incarcerated persons.

Article 35: Conditions requises pour les prisons

Les lieux de détention doivent disposer des normes minimales en matière d'équipement sanitaire, d'eau, d'aération suffisante, de lumière et d'espace permettant de garantir la santé physique et l'hygiène corporelle des
personnes incarcérées.

Ingingo ya 36: Amafunguro y'abantu bafunzwe

Umuntu ufunzwe afite uburenganzira budakuka bwo guhabwa na Leta ibyo kurya bikwiye birimo intungamubiri z'ibanze n'amazi meza ahagije yo kunywa.

Iteka rya Minisitiri rigena ingano n'ibigize ifunguro ry'umuntu ufunzwe.

Article 36: Rations for incarcerated persons

Any incarcerated person has an inalienable right to a sufficient daily ration of food with a balanced nutritional value as well as the accessibility to adequate clean drinking water provided by the Government.

A Ministerial Order shall determine quantity and quality of ration for an incarcerated person.

Article 36: Rations pour les personnes incarcerées

Toute personne incarcérée a le droit inaliénable à une alimentation suffisante et équilibrée ainsi qu'à l'eau potable en quantité suffisante fournies par l'Etat

Un Arrêté Ministériel détermine la quantité et la qualité de l'alimentation de la personne incarcérée.

Ingingo ya 37: Imikino n'imyidagaduro

Umuntu ufunzwe yemererwa gusohoka aho afungiye akajya ahantu hisanzuye, agahumeka umwuka wo hanze mu mbago za gereza. Anahabwa umwanya wo kwidagadura akora imikino ngororamubiri.

Article 37: Sports and entertainment

An incarcerated person has right to go out of his/her cell and be in an open space within the prison walls. He/she shall also be entitled to leisure time for physical exercise.

Article 37: Sports et loisirs

La personne incarcérée a le droit de sortir de sa celllule et d'aller au grand air dans les enceintes de la prison. Elle bénéficie également du temps de loisirs pour des exercices physiques.

Ingingo ya 38: Ibikorwa by'iyobokamana muri gereza

Umuntu ufunzwe yemerewe gukora ibijyanye n'ukwemera kwe mu gihe bitabangamiye imyitwarire myiza n'umutekano w'abandi bantu bafunzwe. Inyigisho z'iyobokamana muri gereza zigomba kuba zifite umurongo wo kugorora abantu bafunzwe.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo amadini yemewe mu Rwanda akora imirimo y'ivugabutumwa muri za gereza.

Article 38: Religious activities in prison

An incarcerated person has the right to practice his/her religion, provided that his/her activities do not jeopardize the morals or security of the other incarcerated persons. Religious teachings in the prison shall be based on rehabilitation of the incarcerated persons.

A Ministerial Order shall dermine the manner in which religious denominations registered in Rwanda should exercise religious activities in prisons.

Article 38: Activités religieuses en prison

Une personne incarcérée a le droit de culte sans toutefois transgresser la discipline et la sécurité des autres personnes incarcérées. Les enseignements religieux dans une prison doivent viser la resocialisation des personnes incarcérées.

Un Arrêté Ministeriel détermine la manière dont les confessions religieuses agréées au Rwanda exercent leurs activités religieuses dans les prisons.

Ingingo ya 39: Ivurwa ry'abantu bafunzwe	**Article 39: Health care for incarcerated persons**	**Article 39: Soins médicaux aux personnes incarcérées**
Buri gereza igira umuganga ukurikirana ibibazo by'ubuzima bw'abantu bafunzwe.	Every prison shall have a medical doctor charged with the health care of incarcerated persons.	Chaque prison dispose d'un médecin devant dispenser des soins médicaux aux personnes incarcérées.
Umuntu ufunzwe afite uburenganzira bwo kuvurwa nk'ubw'umuturarwanda wese udafunzwe. Buri gereza igira ahantu abarwayi bavurirwa hakorana n'ibigo by'ubuzima by'aho gereza yubatswe. Iyo umuntu ufunzwe adashoboye kuhavurirwa yoherezwa ahandi yashobora kuvurirwa.	Every incarcerated person has the same right to medical care as any other citizen. Every prison shall have an infirmary from where patients receive medical care and that collaborates with the health centers nearest to the prison. In case an incarcerated person cannot receive appropriate medical care from the infirmary, he/she shall be transferred to another heath centre.	Comme toute personne résidant au Rwanda, une personne incarcérée a droit aux soins médicaux. Chaque prison dispose d'une infirmerie affiliée aux établissements de santé du lieu. Lorsque l'infirmerie ne peut pas donner des soins médicaux nécessités par la personne incarcérée, celle-ci est transférée dans un autre établissement de santé.
Akimara kugezwa muri gereza, ufunzwe agomba gusuzumwa na muganga akareba niba nta ndwara zanduza afite. Umuntu ufunzwe aramutse agaragaweho indwara yanduza, ashyirwa ahandi avurirwa habugenewe kugira ngo atanduza abandi.	Upon admission to prison, the incarcerated person shall be examined by a doctor for any contagious diseases. An incarcerated person who is diagnosed with a contagious disease shall be transferred to an appropriate place to receive health care to protect other people from contamination.	Dès son admission en prison, une personne incarcérée subit un test médical pour s'assurer qu'elle n'a pas de maladie contagieuse. Si le test est positif, elle est placée dans un endroit approprié où elle reçoit des soins médicaux pour éviter la contamination des autres.
Umuganga wa gereza asuzuma ibyerekeye indwara, isuku n'imirire by'abantu bafunzwe. Amenyesha mu nyandiko, Ubuyobozi bwa Gereza ibyo asanga bigomba kwitabwaho mu kubungabunga ubuzima bw'abantu bafunzwe.	A prison medical doctor shall examine issues relating to disease, hygiene and nutritional status of prisoners. He/she shall inform the prison management in writing of any relevant matters that need to be addressed to protect the health of the incarcerated persons.	Le médecin de la prison examine l'état de santé, l'hygiène et le régime alimentaire des personnes incarcérées. Il informe par écrit l'administration de la prison des cas qui nécessitent une attention particulière quant à la protection de la santé des personnes incarcérées.
Umuntu ufunzwe ntashobora gukorerwaho igeragezwa ry'imiti cyangwa ubundi bushakashatsi bukorerwa ku mubiri. Ubushakashatsi bwemewe bwakorerwa muri gereza butangirwa uruhushya na Minisitiri.	An incarcerated person shall not be subject to chemical experiment or any other health research. Any approved research that may be conducted in a prison shall be authorized by the Minister.	Une personne incarcérée ne peut faire l'objet d'expérimentation de médicaments ou d'autres recherches dans le domaine de la santé. Les recherches pouvant être menées dans les prisons sont autorisées par le Ministre.

Ingingo ya 40: Gusurwa

Bitabangamiye umutekano rusange, umuntu ufunzwe afite uburenganzira bwo gusurwa ku minsi n'amasaha mu buryo buteganywa mu mategeko ngengamikorere ya gereza, kandi aherererekanya n'abamusura amakuru ku mugaragaro acunzwe n'umucungagereza cyangwa undi mukozi wa gereza ubifitiye ububasha.

Umuntu ufunzwe afite kandi uburenganzira bwo gusurwa n'umwunganira mu rubanza rwe mu masaha y'akazi kandi bagahererekanya amakuru mu mvugo cyangwa mu nyandiko nta nkomyi.

Article 40: Visits

Without prejudice to the public order, every incarcerated person has the right to be visited at the hours and on the days set by the internal rules and regulations of the prison, and to communicate with visitors in the presence of a prison guard or other competent prison staff.

An incarcerated person shall also be entitled to be visited by his/her lawyer during working hours, and shall be allowed to freely communicate with the lawyer either verbally or in writing.

Article 40: Visites

Sans préjudice à l'ordre public, une personne incarcérée a le droit de recevoir des visites pendant les heures et jours conformément au réglement d'ordre intérieur de la prison, et échanger les informations avec ses visiteurs en public, en présence d'un surveillant ou de tout autre agent de prison habilité.

Une personne incarcérée a également le droit de recevoir des visites de son avocat pendant les heures de service et d'échanger avec lui des informations soit par écrit, soit verbalement.

Ingingo ya 41: Kwandikirana

Umuntu ufunzwe ashobora kwandikirana n'abo ashaka abanje gucisha iyo nyandiko ku muyobozi wa gereza mbere yo kuyohereza cyangwa mbere y'uko iyo yandikiwe imushyikirizwa.

Article 41: Written correspondence

An incarcerated person may exchange written correspondence with persons of his/her choice, provided that such correspondence is sent or received through the Prison Director.

Article 41: Correspondance écrite

Une personne incarcerée a le droit d'échanger des correspondances écrites avec des personnes de son choix à condition que tout courrier expédié ou reçu passe par le Directeur de la prison avant d'être remis au destinataire.

Ingingo ya 42: Uburenganzira bwo gusohoka

Abantu bafunzwe bemerewe gusohoka iyo bagiye mu mahugurwa, gukora imirimo, kwivuza, gusoma dosiye, kuburana, gutanga ubuhamya, kwidagadura, gukurikirana ibiganiro bigenerwa abaturage bari hanze cyangwa indi mpamvu itanyuranyije n'amategeko agenga abantu bafunzwe. Icyo gihe bateganyirizwa abacungagereza bahagije bo kubarinda.

Article 42: Right to go out of prison

Incarcerated persons are allowed to go out of prison for trainings, work, medical treatment, consulting their files, trial, giving testimony, entertainment, to participate in community meetings or any other reason that is not contrary to the laws governing incarcerated persons. In such circumstances, the incarcerated person's security shall be ensured by sufficient prison guards.

Article 42: Droit à la sortie

Il est permis aux personnes incarcérées de sortir de la prison pour suivre des formations, exécuter des travaux, se faire soigner, consulter leur dossier, plaider, témoigner, pratiquer les activités de loisir, participer à des réunions publiques ou pour d'autres raisons non contraires aux lois régissant les personnes incarcérées. Dans ce cas, elles sont accompagnées d'un nombre suffisant de surveillants de prison.

Mu gihe bagiye ku mirimo yo hanze ya za gereza, hasohoka gusa umugororwa witwara neza kandi udashobora guteza ingaruka mbi hanze ya za gereza.

Only prisoners of good conduct may be allowed to go out of prison for work.

Pour exécuter les travaux à l'extérieur de la prison, n'est autorisée à sortir que le prisonnier discipliné qui ne peut constituer une source de désordre.

Ubuyobozi bwa Gereza bumenya neza abantu bafunzwe basohotse bukanagenzura ko bagarutse.

The prison administration shall keep strict records of the incarcerated persons going out of the prison and shall verify their return.

L'administration de la prison reste informée sur le nombre des personnes incarcérées sorties et s'assure qu'elles sont retournées dans la prison.

Abantu bafunzwe ntibemerewe kujya mu bikorwa mbonezamubano nko gusura ingo, gutaha ubukwe, gushyingirwa, gushyingura, n'ibindi byagenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Incarcerated persons are not allowed to actively participate in social activities like visiting their families or attending weddings, getting married, attending funerals or any other events that may be determined by a Ministerial Order.

Les personnes incarcérées n'ont pas droit aux activités sociales comme la visite à leurs familles, participation aux célébrations de mariage, se marier, participer aux funérailles et toute autre activité pouvant être déterminée par Arrêté Ministériel.

Ingingo ya 43: Imirimo y'umwuga ikorwa n'abantu bafunzwe

Article 43: Professional activities performed by incarcerated persons

Article 43: Activités professionnelles accomplies par les personnes incarcérées

Mu gihe bishoboka, abantu bafunzwe bafite uburenganzira bwo kugira umurimo bakora ujyanye n'umwuga wabo, abatawufite bakabihugurirwa.

If possible, incarcerated persons shall have the right to perform any activity in relation to their professional skills, and those with no professional skills shall be trained.

Dans la mesure du possible, les personnes incarcérées ont le droit d'exercer une activité en rapport avec leurs compétences professionnelles, celles qui n'en ont pas bénéficient d'une formation.

Iyo mirimo igomba kuba ijyanye n'intego yo kubagorora no kuzamura imibereho yabo muri gereza.

Such activities shall be in line with the objective of their rehabilitation and to improve their social welfare in prison.

Ces activités doivent viser leur rééducation et la promotion de leur bien-être dans la prison.

Iyo ari imirimo ibyara inyungu, amafaranga ahwanye n'icumi ku ijana (10%) ry'inyungu bakoreye agenerwa abakoze iyo mirimo n'abakoze imirimo izamura imibereho y'abafunzwe.

If such activities are income-generating, ten percent (10%) of what the person earned shall be allocated to him/her and to those who performed within the prison activities aiming at improving the social welfare of incarcerated persons.

Lorsqu'il s'agit des activités génératrices de revenus, un pécule de dix pourcent (10%) des intérêts générés par leur travail est attribué à ceux qui ont effectué ces activités et à ceux qui ont effectué les activités visant la promotion du bien-être des personnes incarcérées.

Ashobora ariko gukoreshwa mu bikorwa bifitiye

If the person entitled to the payment agrees with

Toutefois, ce pécule peut être affecté aux activités

akamaro abantu bafunzwe byumvikanyweho n'ubuyobozi bwa gereza n'abayafiteho uburenganzira.

Imiterere y'imirimo ikorwa n'abantu bafunzwe iteganywa n'Iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 44: Imicungire y'amafaranga umuntu ufunzwe agenerwa kuyo yinjirije gereza

Amafaranga umuntu ufunzwe agenerwa ku yo yakoreye abikwa kuri konti ya za gereza yabigenewe kandi amenyeshwa, iyo abisabye, uko amafaranga abikiwe angana.

Ashobora kuyaguramo ibintu akeneye byemewe kwinjiranwa muri gereza no kwemerera umuryango we kuyakoresha.

Mu gihe afunguwe ahabwa amafaranga yabikiwe.

Iyo apfuye, ayo mafaranga ahabwa uwemerewe kumuzungura.

Ingingo ya 45: Umurimo w'umuntu ufunzwe

Umuntu ufunzwe ashobora gusabwa cyangwa gusaba gukora umurimo, ariko ntashobora guhatirwa gukora umurimo, haseguriwe ibivugwa mu gace ka 8° ko mu ngingo ya 50 y'iri tegeko.

the prison administration, the money may be used in activities that are useful to incarcerated persons.

The nature of such income-generating activities performed by incarcerated persons shall be determined by a Ministerial Order.

Article 44: Management of money an incarcerated person earns from work

The money an incarcerated person is entitled to from what he/she generates for the prison shall be deposited in an appropriate bank account and he/she shall be informed of the amount deposited upon request.

He/she may purchase items of his/her need that are acceptable in prison from such amount and may also allow his/her family to use it.

If he/she is released from prison, he/she shall be given the money deposited.

If he/she dies, the money shall be given to his/her legitimate heir.

Article 45: Work of an incarcerated person

An incarcerated person may be requested or can himself/herself request to perform work, but he/she cannot be forced to perform it with the exception of the provision of Article 50, point 8° of this Law.

profitables aux personnes incarcérées après concertation entre la direction de la prison et les bénéficiaires de ce pécule.

La nature des activités exercées par les personnes incarcérées est déterminée par Arrêté Ministériel.

Article 44: Gestion du pécule de la personne incarcérée résultant de ses travaux

Le pécule de la personne incarcérée est déposé sur le compte bancaire des prisons ouvert à cet effet et cette personne peut, sur demande, être informée de la situation de son solde.

Elle peut utiliser cette somme pour acheter les biens autorisés dans la prison dont elle a besoin ou autoriser sa famille à s'en servir.

Lors de sa libération, elle perçoit son pécule qui était déposé à la banque.

En cas de décès, le pécule est remis à son héritier légitime.

Article 45: Travail d'une personne incarcérée

La personne incarcérée peut être sollicitée ou exprimer la volonté d'exécuter un travail mais ne peut être forcée à l'exécuter, sous réserve des dispositions du point 8° de l'article 50 de la présente loi.

Ukora umurimo, ntagomba gukoreshwa imirimo irenze ubushobozi bwe cyangwa imutesha agaciro.

Ingingo ya 46: Ibitabo n'ibitangazamakuru

Gereza igira isomero ririmo ibitabo, ibinyamakuru byanditse, interineti, radiyo, televiziyo n'amagazeti ya Leta.

Gereza igira kandi ibitabo abantu bafunzwe bigishirizwamo kandi yemera ko umuntu ufunzwe yizanira cyangwa azanirwa ibitabo cyangwa inyigisho akeneye bitabangamiye intego yo kugorora abantu bafunzwe.

Ibyo bitabo cyangwa inyigisho bizanwa n'umuntu ufunzwe cyangwa bimuzanirwa bishyikirizwa Umuyobozi wa Gereza kugira ngo abyemeze.

Ingingo ya 47: Imyifatire muri gereza

Umuntu ufunzwe, akimara kugera muri gereza, amenyeshwa, mu rurimi yumva, uburenganzira bwe n'ibyo ategetswe bijyanye no kwitwara neza muri gereza n'uko ibihano bikosora uwitwaye nabi bitangwa, nk'uko biteganyijwe mu mategeko ngengamikorere ya za gereza.

Igihano gikosora ufunzwe witwaye nabi gifatwa n'Ubuyobozi bwa Gereza, kigomba kuba cyumvikana kandi kigasobanurirwa ugihawe. Icyo gihano nta na rimwe kigomba gutesha umuntu

The incarcerated person who performs work shall not be forced to work beyond his/her capacity or perform work that degrades him/her.

Article 46: Books and media

A prison shall have a library equipped with books, print media publications, internet, radio, television and Official Gazettes.

A prison shall also have textbooks for the training of incarcerated persons. The latter shall also be allowed to bring or receive personal books which do not harm the objective of rehabilitation of incarcerated persons.

Books an incarcerated person brings or receives from others shall be presented to the Prison Director for approval.

Article 47: Conduct in prison

Upon entering the prison, an incarcerated person shall be informed, in a language he/she understands, of his/her rights and obligations with respect to the internal discipline in the prison, and the procedures for sanctioning offenders as stipulated in the internal rules and regulations of the prison.

Any corrective measures shall be decided upon by the prison management, and such measures must be justified and explained to the concerned person. The sanction shall neither degrade nor

La personne qui exécute le travail ne peut être obligée de faire des travaux qui dépassent sa capacité ou des travaux avilissants.

Article 46: Livres et média

La prison est dotée d'une salle de lecture pourvue de livres, de journaux écrits, d'internet, de radio, de télévision et de journaux officiels.

La prison dispose également des manuels de formation pour les personnes incarcérées qui sont aussi autorisées à amener ou à recevoir des ouvrages dont elles ont besoin sans toutefois compromettre l'objectif de les rééduquer.

Les ouvrages amenés par la personne incarcérée ou qui lui sont remis par les tiers, sont présentés au Directeur de prison pour qu'il donne son accord.

Article 47: Comportement en prison

Dès son admission en prison, toute personne incarcérée est informée, dans une langue qu'elle comprend, de ses droits et de ses obligations liés à la discipline dans la prison et des mesures correctives prévues par le règlement d'ordre intérieur des prisons qui peuvent être prises à l'encontre de celui qui affiche un mauvais comportement.

La mesure corrective prise par l'administration de la prison à l'encontre de la personne incarcérée affichant un mauvais comportement doit être justifiée et expliquée au concerné. Cette mesure ne

agaciro kandi ntikibangamira uburenganzira bw'ibanze umuntu ufunzwe yemererwa n'iri tegeko.

jeopardize the fundamental rights of the incarcerated person, as provided for by this Law.

doit ni être dégradante ni violer les droits fondamentaux garantis par la présente loi à la personne incarcérée.

Umuntu ufunzwe wahawe igihano gikosora uwitwaye nabi ashobora, we ubwe cyangwa umuryango we, kujuririra Komiseri Mukuru icyemezo yafatiwe hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere ya za gereza.

An incarcerated person who is subject to corrective measures may, himself/herself or through his/her family, appeal to the Commissioner General against any disciplinary action taken against him/her in accordance with provisions of the internal rules and regulations of prisons.

Une personne incarcérée faisant l'objet d'une mesure corrective peut personnellement ou, à défaut, par le biais de sa famille, introduire un recours au Commissaire Général contre la décision prise à son encontre conformément au règlement d'ordre intérieur des prisons.

Ibyaha biteganywa n'igitabo cy'amategeko mpanabyaha byakozwe n'abantu bafunzwe bishyikirizwa ubushinjacyaha kugira ngo bubikurikirane.

Offences under the Penal Code that are committed by incarcerated persons shall be referred to the Public Prosecution for prosecution.

Les infractions prévues par le Code pénal commises par les personnes incarcérées sont transmises à l'Organe de Poursuite pour exercice de l'action publique.

Ingingo ya 48: Kubungabunga uburenganzira bw'umuntu ufunzwe

Article 48: Protection of an incarcerated person's rights

Article 48: Protection des droits de la personne incarcérée

Mu gihe uburenganzira bw'umuntu ufunzwe cyangwa ubw'umuryango we bubangamiwe, ufunzwe cyangwa umwunganira mu bijyanye n'urubanza rwe bafite uburenganzira bwo kwiyambaza ubuyobozi cyangwa inkiko.

If the rights of an incarcerated person or his/her family are violated, the victim or his/her lawyer shall have the right to seek the assistance from authorities or the courts.

Si une personne incarcérée ou sa famille se sent lésée dans ses droits, le concerné ou son avocat a le droit de recourir aux instances administratives ou judiciaires.

Ingingo ya 49: Umunyamahanga ufunzwe

Article 49: An incarcerated foreigner

Article 49: Un étranger incarcéré

Umunyamahanga ufunzwe asobanurirwa amategeko agenga abantu bafunzwe mu rurimi yumva neza. Afite uburenganzira bwo kubonana cyangwa kohererezanya amakuru n'abahagarariye igihugu cye mu Rwanda.

An incarcerated foreigner has the right to an explanation about provisions governing incarcerated persons in a language he/she understands. He/she has the right to meet or exchange information with his/her country's diplomatic representatives to Rwanda.

Un étranger incarcéré reçoit, dans une langue qu'il comprend bien, des explications sur les lois régissant les personnes incarcérées. Il a le droit de rencontrer ou d'échanger des informations avec la représentation diplomatique de son pays au Rwanda.

Umunyamahanga ufunzwe adafite abahagarariye igihugu cye mu Rwanda, impunzi cyangwa utagira ubwenegihugu, ashobora kwitabaza abahagarariye ikindi gihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga yihitiyemo bamwemereye gukurikirana ikibazo cye kandi byemewe na Minisitiri.

Ingingo ya 50: Iby'ingenzi umuntu ufunzwe ategetswe

Umuntu ufunzwe ategetswe iby'ingenzi bikurikira:

1° kubahiriza amategeko y'Igihugu;

2° kubahiriza amabwiriza amugenga muri gereza;

3° kudakwirakwiza amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside;

4° kudateza umwuka mubi, ibihuha n'urugomo;

5° kugira imyitwarire myiza no kubahiriza umuco nyarwanda;

6° kugira uruhare mu kubungabunga umutekano we n'uw'abandi;

7° kugira isuku ku mubiri we, ku myenda n'aho afungiye;

8° gukora imirimo yateza imbere igihugu, gereza ndetse na we ubwe.

An incarcerated foreigner whose country lacks diplomatic representatives in Rwanda, a refugee, or a stateless person may, upon approval of the Minister, seek assistance from diplomatic representatives of another country or an international organization of his/her choice that accepts to assist in his/her case.

Article 50: Main obligations of an incarcerated person

An incarcerated person has the main following obligations:

1° to abide by national laws;

2° to abide by the laws and regulations which govern him/her in prison;

3° to avoid spreading divisionism and genocide ideology;

4° to avoid creating tensions, rumors and violence;

5° to conduct himself/herself well and respect Rwandan culture;

6° to ensure his/her own safety and that of other people;

7° to keep his/her body, clothes and the prison clean;

8° to perform activities for the development of the country, him/herself and the prison.

L'étranger incarcéré dont le pays d'origine n'a pas de représentation diplomatique au Rwanda, un réfugié ou un apatride peut, après approbation du Ministre, solliciter l'assistance des représentants diplomatiques d'un autre pays ou d'une organisation internationale de son choix, qui ont accepté de faire le suivi de son affaire.

Article 50: Principales obligations d'une personne incarcérée

La personne incarcérée a les principales obligations suivantes :

1° respecter les lois du pays ;

2° respecter les lois et règlements qui le régissent en prison;

3° éviter de semer le divisionnisme et l'idéologie du génocide;

4° éviter les tensions, les rumeurs et la violence ;

5° faire preuve de discipline et de respecter la culture rwandaise ;

6° contribuer au maintien de sa sécurité et de celle des autres personnes;

7° respecter les règles d'hygiène corporelle, vestimentaire et du lieu de l'incarcération;

8° exercer les activités génératrices de revenus pour le pays, lui-même et pour la prison.

Icyiciro cya 2: Ifungura

Ingingo ya 51: Kurekura umuntu ufunzwe

Bushingiye ku bivugwa mu ngingo ya 28 y'iri tegeko, ubuyobozi bwa gereza :

1° bwibutsa mu nyandiko Urukiko n'Ubushinjacyaha ko hasigaye iminsi irindwi (7) ku minsi yo gufunga umuntu by'agateganyo yatanzwe n'Urukiko. Iyo igihe cyo gufungwa by'agateganyo kirangiye Ubushinjacyaha butarandikira Ubuyobozi bwa gereza bubumenyesha ko dosiye yashyikirijwe Urukiko, cyangwa ko icyemezo cy'ifunga ry'agateganyo cyasabiwe kongererwa igihe, Ubuyobozi bwa Gereza buramurekura;

2° bufite inshingano zo kumenyesha inzego zibishinzwe abagororwa bamaze kimwe cya kane (¼) cy'igifungo cyabo kandi bitwaye neza, kugira ngo barekurwe by'agateganyo, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko;

3° bufite inshingano yo kurekura umugororwa urangije igihe cyo gufungwa yakatiwe n'Urukiko.

Umuyobozi wa gereza ufunga cyangwa urekera umuntu muri gereza mu buryo bunyuranyije n'amategeko ahanwa hakurikijwe ibiteganywa mu gitabo cy'amategeko ahana.

Section 2: Release

Article 51: Releasing an incarcerated person

According to the provisions of Article 28 of this Law, the prison management shall:

1° remind the Court and the Public Prosecution in writing at least seven (7) days before the date when the provisional detention period expires. If the Public Prosecutor does not tell the Prison Management that the incarcerated person's file was forwarded to the Court or that the provisional detention period was extended before the expiration of the provisional detention period, the Prison Management shall release him/her;

2° inform the relevant authorities which prisoners have completed one quarter (¼) of their sentences, subject to good conduct, in order for the prisoners to be discharged on provisional release in accordance with the provisions of the law;

3° release any prisoner after serving his/her term of imprisonment as determined by the court.

A Prison Director who detains or continues to detain a person whose detention period has expired shall be punished in accordance with provisions of the Penal Code.

Section 2 : Libération

Article 51: Libération d'une personne incarcérée

Conformément aux dispositions de l'article 28 de la présente loi, l'administration de la prison:

1° avise par écrit, sept (7) jours avant, la juridiction et l'Organe de Poursuite Judiciaire, de la date limite de détention provisoire. Lorsque la durée de la détention provisoire s'écoule avant que l'Organe de Poursuite Judiciaire n'ait avisé l'administration de la prison que le dossier de la personne incarcérée a été transmis à la juridiction ou que la durée de la détention provisoire a été prorogée, l'administration de la prison le libère;

2° a le devoir d'informer les instances compétentes des prisonniers qui viennent de purger un quart (1/4) de leur peine en prison et qui ont affiché un bon comportement en vue de leur libération conditionnelle conformément à la loi;

3° a le devoir de libérer le prisonnier à l'expiration de la peine prononcée par la juridiction;

Un directeur de prison qui emprisonne ou qui maintient illégalement une personne en prison est puni conformément aux dispositions du Code pénal.

Ingingo ya 52: Ibindi bituma umuntu ufunzwe arekurwa

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 51 y'iri tegeko, gufungura umuntu ufunze bibaho iyo:

1° arekuwe byemejwe n'urukiko;

2° hatanzwe ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe;

3° hashyizweho itegeko ritanga imbabazi rusange;

4° hatanzwe imbabazi na Perezida wa Repubulika.

Ifungurwa by'umugororwa cyangwa imfungwa n'impamvu yabyo byandikwa mu gitabo cya gereza cyabigenewe.

Article 52: Other conditions for releasing an incarcerated person

Without prejudice to provisions of Article 51 of this Law, an incarcerated person shall be released if:

1° a court decision orders his/her release;

2° he/she is granted a provisional release;

3° a law of general amnesty provides for release;

4° a Presidential Order pardons him/her.

The release of a prisoner or detainee and its motivation shall be recorded in an appropriate prison register.

Article 52: Autres conditions de libération d'une personne incarcérée

Sans préjudice des dispositions de l'article 51 de la présente loi, la personne incarcérée est libérée dans les cas suivants :

1° libération par la décision judiciaire;

2° libération conditionnelle à la personne condamnée;

3° une loi d'amnistie générale;

4° Arrêté Présidentiel d'octroi de droit de grâce.

La libération du prisonier ou du détenu et ses motifs sont actées dans un registre approprié.

Ingingo ya 53: Ibyubahirizwa igihe cyo kurekura umuntu wari muri gereza

Mbere y'uko umuntu ufunzwe arekurwa, ubuyobozi bwa gereza bwubahiriza cyane cyane ibi bikurikira:

1° kuba hari kopi y'urubanza;

2° guha ufunguwe urupapuro rumusohora rugaragaza igihe yafungiwe n'igihe yarekuriwe;

3° gusinyisha ufunguwe mu gitabo cyabigenewe;

4° gusubiza ufunguwe ibintu bye yari abikiwe

Article 53: Procedures for releasing an incarcerated person

Before releasing an incarcerated person, the prison management must:

1° have a copy of the judgment;

2° give the released person a document indicating the date of entry and the day of release;

3° have the released person sign the appropriate register;

4°return any personal items to the released

Article 53: Procédures de libération d'une personne incarcérée

Avant de libérer une personne incarcérée, l'administration de la prison doit spécialement:

1° disposer d'une copie de jugement ;

2° donner à la personne libérée un acte constatant la date d'entrée et de sortie de la prison;

3° faire signer la personne libérée dans un registre approprié;

4° remettre à la personne libérée ses biens qui étaient gardés par la prison contre accusé de

agasinyira ko abibonye;

5° guha ufunguwe amafaranga yabikiwe yagenerwaga ku mirimo yakoze.

Ingingo ya 54: Upfuye afunzwe

Iyo umuntu ufunzwe apfuye:

1° muganga wemewe na Leta atanga icyemezo kigaragaza impamvu zatumye apfa, bikuzuzwa mu gitabo cyabigenewe;

2.ubuyobozi bwa gereza buhita bubimenyesha umuryango we n'inzego z'ubuyobozi;

3.ari umunyamahanga, ubuyobozi bwa gereza bubimenyesha Minisitiri kugira ngo abimenyeshe inzego zibishinzwe;

4. ashyingurwa n'umuryango we. Iyo bidashobotse, ashyingurwa na gereza hubahirijwe amategeko n'uburenganzira bwa muntu.

UMUTWE WA II : ISHYIRWA MU BIKORWA RYA TIG

Ingingo ya 55: Uko TIG ishyirwa mu bikorwa

RCS yubahiriza Iteka rya Perezida rigena ishyirwa mu bikorwa rya TIG.

person that have been kept by the prison;

5° give the released person any amount of money kept for him/her from income-generating activities performed.

Article 54: Death of an incarcerated person

When an incarcerated person dies while in custody:

1° a death certificate shall be issued by a certified doctor and recorded in the appropriate register;

2° the prison management shall immediately inform the administrative authorities and the person's family;

3° in case he/she is a foreigner, the prison management shall inform the Minister, who in turn informs the relevant authorities;

4° he/she shall be buried by his/her family, or if that is not possible, by the prison respecting relevant laws and human rights.

CHAPTER II : EXECUTION OF TIG

Article 55: Execution of TIG

RCS shall respect the Presidential Order determining the execution of TIG.

réception;

5° donner à la personne libérée son pécule résultant des activités réalisées.

Article 54: Décès d'une personne incarcérée

Lorsqu'une personne incarcérée décède:

1° le médecin agréé par l'Etat délivre un acte de décès illustrant les causes du décès et repris dans un registre approprié ;

2° l'administration de la prison, informe immédiatement les instances administratives et sa famille;

3° si la personne décédée est un étranger, l'administration de la prison en informe le Ministre qui le communique aux instances compétentes;

4° l'inhumation de son corps est faite par sa famille ; ou en cas d'impossibilité, par la prison dans le respect de la loi et des droits de la personne.

CHAPITRE II : EXECUTION DE TIG

Article 55: Modalités d'exécution de TIG

RCS respecte l'Arrêté Présidentiel déterminant les modalités d'exécution de TIG.

Ingingo ya 56 : Uburenganzira bw'ukora TIG

Umuntu ukora TIG agira uburenganzira bwose bw'umugororwa buteganywa n'iri tegeko, usibye gusa kugenerwa icumi ku ijana (10%) by'inyungu zikomoka ku mirimo yakoze.

Iteka rya Minisitiri rigena ubundi burenganzira yahabwa.

Article 56: Rights of a person under TIG

A person under TIG shall enjoy all rights of the prisoner provided for by this Law, except he/she shall not receive ten percent (10%) of the income from the work he/she performs.

A Ministerial Order shall determine other rights he/she may be entitled to.

Article 56: Droits d'une personne purgeant la peine de TIG

Une personne purgeant la peine de TIG jouit de tous les droits de prisonnier prévus par la présente loi, sauf le pécule correspondant à dix pour cent (10%) du profit du travail effectué.

Un Arrêté Ministériel détermine d'autres droits à lui accorder.

Ingingo ya 57: Ifungwa ry'ukora TIG

Iyo umugororwa ukora TIG afungiye by'agateganyo muri gereza kubera ikindi cyaha gishya akurikiranyweho ntagihamwe n'urukiko, iminsi yafunzwemo ivanwa mu yo yari kuzakoramo TIG.

Iyo ahamwe n'icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, TIG ihindurwamo igifungo kirangirizwa muri gereza, bikiyongera ku gihano gishya yakatiwe n'Urukiko.

Iyo uwemerewe cyangwa uwahanishijwe TIG atubahiriza amabwiriza abigenga asubizwa muri gereza kugira ngo arangirizeyo igihano cye.

Impapuro zimushyikiriza gereza zigaragaza ko yanze gukora TIG zishyirwaho umukono n'umucamanza wo ku rwego rw'ibanze rw'aho yagenewe gukorera TIG.

Article 57: Detention of a person under TIG

When a prisoner under TIG is provisionally detained because of another new case and he/she is not convicted by a court of law, the period spent in the provisional detention is deducted from the days of TIG.

If he/she is convicted of a felony or a misdemeanour while under TIG, his/her TIG shall become an imprisonment, and shall be added to the new sentence rendered by the court.

When the person under TIG does not respect the rules governing the work, he/she shall be put into prison to serve the duration of his/her sentence.

The document transferring him/her to the prison because of his/her rejection of TIG shall be signed by a judge of the Primary Court where he/she was supposed to perform TIG.

Article 57: Détention du condamné à la peine de TIG

Lorsqu'un prisonnier purgeant la peine de TIG est placé en détention provisoire à la suite d'une nouvelle infraction et que sa culpabilité n'est pas établie, les jours de sa détention provisoire sont réduits de ceux de TIG.

Lorsqu'il est établi qu'il a commis un crime ou un délit, la peine de TIG est transformée en peine d'emprisonnement en plus de la peine prononcée pour la nouvelle infraction.

Lorsque la personne autorisée ou condamnée à la peine de TIG ne respecte pas les lois et règlements en la matière, elle est remise en prison pour y purger sa peine.

Le dossier de transfert à la prison indiquant qu'elle a refusé la peine de TIG est signé par un juge du tribunal de base du lieu d'exécution de la peine de TIG.

UMUTWE WA III: KWIGISHA HAGAMIJWE KUGORORA

Ingingo ya 58 : Ubufatanye mu kugorora

RCS ifite inshingano z'ibanze zo guhindura imyumvire y'imfungwa n'abagororwa, kubategura kuzagaruka ku murongo w'abaturage beza.
Izo ntego zishobora kugerwaho hakoreshejwe inyigisho, imirimo, ibirebana n'umuco, imikino ngororangingo n'imyidagaduro. Kugira ngo bigerweho, RCS ikorana n'izindi nzego zaba iza Leta, imiryango itari iya Leta n'abikorera.

Ubuyobozi bwa RCS, abacungagereza n'abandi bakozi ba gereza bagomba kuba bafite ubumenyi bwo gukurikirana imfungwa n'abagororwa kugira ngo bazarangize ibihano bafite imyumvire myiza.

Ingingo ya 59: Ibyibandwaho mu kwigisha

Mu kwigisha imfungwa n'abagororwa, RCS yita kuri ibi bikurikira:

1° guharanira guhindura imikorere, imitekerereze n'imyumvire mibi y'imfungwa n'abagororwa;

2° kumva ibibazo imfungwa n'abagororwa bafite no kubishakira ibisubizo ;

3° guteganya ibiganiro bihuza imfungwa

CHAPTER III: CORRECTIVE EDUCATION

Article 58: Partnership in corrective education

RCS has a fundamental task of rehabilitating detainees and prisoners in order to prepare them to be good citizens.
Such objectives may be achieved through education, work, cultural, sports and entertainment activities. In order to achieve this, RCS shall collaborate with other state organs, non-governmantal organisations and the private sector.

The management of RCS, the prison guards and other personnel of the prisons shall have the capacity to make follow up of prisoners and detainees in order to complete their sentences with improved characater.

Article 59: Main considerations in education

RCS shall consider the following in educating prisoners and detainees:

1° how to rehabilitate prisoners and detainees;

2° giving moral and material assistatnce to prisoners and detainees;

3° organizing discussions between incarcerated

CHAPITRE III: EDUCATION CORRECTIVE

Article 58: Partenariat dans l'éducation corrective

RCS a le devoir principal de resocialiser les détenus et les prisonniers et les préparer à devenir de bons citoyens.
La réalisation de ces objectifs peut se faire par voie de formations, de travaux, d'activités culturelles, d'exercices physiques et de loisirs. RCS collabore, à cet effet, avec d'autres institutions publiques, organisations non gouvernementales et le secteur privé.

L'administration de RCS, les surveillants de prisons et les autres membres du personnel de la prison doivent avoir des capacités nécessaires pour assurer le suivi des détenus et des prisonniers afin qu'ils aient un meilleur comportement à la fin de la période de détention.

Article 59: Points essentiels dans l'éducation

Dans le cadre de rééduquer les détenus et les prisonniers, RCS doit notamment :

1° réhabiliter les détenus et prisonniers ;

2° être à l'écoute des doléances des détenus et des prisonniers et y apporter des solutions;

3° organiser des débats regroupant les détenus, les

n'abagororwa n'abaturage bigamije imibanire myiza.

Imfungwa n'abagororwa bigishwa gahunda za Leta n'ibindi byose byabafasha kwiteza imbere.

INTERURO YA IV: UMUTUNGO N'IMARI BYA RCS

Ingingo ya 60: Inkomoko y'umutungo wa RCS

Umutungo wa RCS ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Ukomoka kuri ibi bikurikira:
1° ingengo y'imari ya Leta;
2° inyungu zikomoka ku mirimo ikorwa n'imfungwa n'abagororwa;
3° inyungu ku mutungo wa RCS;
4° impano n'indagano;
5° inguzanyo zihabwa RCS zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
6° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga.

Ingingo ya 61: Kwegurirwa umutungo

Imitungo y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imicungire ya za gereza (SNP) n'iy'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro (SETIG) byeguriwe RCS.

RCS yeguriwe kandi imitungo ya za gereza

persons and members of the public in order to promote good relations.

Prisoners and detainees shall be educated on government policies and self-development opportunities.

TITLE IV: PROPERTY AND FINANCING OF RCS

Article 60: Source of RCS property

RCS property is composed of both movable and immovable property.

The property of RCS shall be derived from:
1° the State budget;
2° the income from services performed by prisoners and detainees;
3° the earnings from the property of RCS;
4° donations and bequests;
5° loans granted to RCS approved by the Minister in charge of Finance ;
6° grants from the State or donors.

Article 61: Transfer of property

The property of the National Service (SNP) and the Executive Secretariat of the National Committee for Alternative Penalties to Imprisonment (SETIG) are hereby transferred to RCS.

The property of prisons that were managed by

prisonniers et la population en vue d'une cohabitation pacifique.

Les prisonniers et les détenus sont formés sur les programmes du Gouvernement et d'autres programmes visant leur propre développement.

TITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES DE RCS

Article 60: Sources du patrimoine de RCS

Le patrimoine de RCS comprend les biens meubles et immeubles.

Il provient des sources suivantes:
1° les dotations budgétaires de l'Etat ;
2° le produit des activités réalisées par les détenus et les prisonniers ;
3° les revenus du patrimoine de RCS ;
4° les dons et legs ;
5° les prêts accordés à RCS approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
6° les subventions de l'Etat ou des donateurs.

Article 61: Transfert du patrimoine

Le patrimoine du Service National des Prisons (SNP) et celui du Secrétariat Exécutif du Comité National de Travaux d'Intérêt Général (SETIG) sont transférés à RCS.

Le patrimoine des prisons qui était géré par les

yacungwaga n'Uturere.

Ingingo ya 62: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RCS bikorwa hakurikijwe amategeko y'ibaruramari n'icungamutungo bya Leta.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RCS buha raporo Inama Nkuru.

Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta agenzura imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo bya RCS.

INTERURO YA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

UMUTWE WA I: INGINGO Z'INZIBACYUHO

Ingingo ya 63: Abakozi bakoraga mu bigo byahujwe

Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imicungire ya za Gereza n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro bihurijwe mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa.

Abakozi basanzwe bakora mu Rwego rw'Igihugu

Districts is also transferred to RCS.

Article 62: Use, management and audit of the property

The use, management and audit of RCS property shall be carried out in accordance with relevant legal provisions on public finance.

The internal audit service responsible for daily auditing of the use of RCS property shall submit a report to the High Council.

The Auditor General of State Finance controls the management and use of the finances and property of RCS.

TITLE V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPTER ONE: TRANSITIONAL PROVISIONS

Article 63: Former employees of merged institutions

The National Prison Service (SNP) and Executive Secretariat of the National Committee for Alternative Penalties to Imprisonment (SETIG) are merged into the Rwanda Correctional Service (RCS).

Existing employees of the administration of the

Districts est aussi transféré à RCS.

Article 62: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit des biens du RCS sont effectués conformément aux dispositions légales en matière des finances et de la comptabilité publique.

Le service d'audit interne du RCS, chargé du suivi quotidien de l'utilisation du patrimoine du RCS fait rapport au Haut Conseil.

L'Auditeur Général des finances de l'Etat contrôle la gestion et l'utilisation des finances et des biens de RCS.

TITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS TRANSITOIRES

Article 63: Membres du personnel des établissements fusionnés

Le Service National des Prisons (SNP), Secrétariat Exécutif du Comité National de Travaux d'Intérêt Général (SETIG) sont fusionnés dans le Service Correctionnel du Rwanda (RCS).

Le personnel du Service National des Prisons et du

Rushinzwe Imicungire ya za Gereza no mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komite y'Igihugu y'igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro bujuje ibyangombwa bisabwa mu gihe cyo gutanga akazi, bashyirwa muri RCS hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta n'ay'umurimo.

Hatabangamiwe uburenganzira bari basanganywe, bashyirwa mu ntera hakurikijwe imirimo bahawe.

Abakozi batujuje ibisabwa basezererwa hubahirijwe amategeko.

Ingingo ya 64: Igihe cy'inzibacyuho

Mu gihe RCS itarahabwa abayobozi bakuru, Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imicungire ya za Gereza n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komite y'Igihugu y'Igihano Nsimburagifungo cy'Imirimo ifitiye igihugu akamaro zikomeza gukora mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) iri tegeko ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

UMUTWE WA II: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 65: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 66: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije

National Prison Service and the Executive Secretariat of the National Committee for Alternative Penalties to Imprisonment who fulfill the required conditions during recruitment shall be placed in RCS in accordance with the General Statutes for Rwanda Public Service and the Labour Code.

Without prejudice to existing rights, these employees shall be categorized according to their appointments.

Employees who do not fulfill the required conditions shall be removed in accordance with the law.

Article 64: Transitional period

While RCS has not been given managers, the National Prison Service and the Executive Secretariat of the National Committee for Alternative Penalties to Imprisonment shall continue to operate for a period not exceeding six (6) months from the date this Law is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

CHAPTER II: FINAL PROVISIONS

Article 65: Drafting, consideration and adoption of this law

This Law was drafted, considered and and adopted in Kinyarwanda.

Article 66: Repealing provision

Secrétariat Exécutif du Comité National de la Peine Alternative de l'Emprisonnement de Travaux d'Intérêt Général remplissant les conditions requises pendant le recrutement sont transférés à RCS conformément au Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise et au Code du Travail.

Dans le respect de leurs droits acquis, ils sont classés selon les postes auxquels ils sont nommés.

Les agents ne remplissant pas les conditions requises sont révoqués conformément à la loi.

Article 64: Période transitoire

En attendant la nomination des responsables de RCS, le Service National des Prisons et le Secrétariat Exécutif du Comité National de la Peine Alternative de l'Emprisonnement de Travaux d'Intérêt Général poursuivent leurs activités dans un délai n'excédant pas six (6) mois à dater de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

CHAPITRE II: DISPOSITIONS FINALES

Article 65: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 66: Disposition abrogatoire

n'iri tegeko

Itegeko n° 38/2006 ryo kuwa 25/09/2006 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe imicungire ya za gereza n'ingingo zose z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko bivanyweho.

The Law n° 38/2006 of September 25, 2006 establishing and determining the organisation of the National Prisons Service, and all prior provisions contrary to Law are hereby repealed.

La Loi n° 38/2006 du 25 septembre 2006 portant création et organisation du Service National des Prisons et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 67: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 67: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 67: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **12/11/2010**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **12/11/2010**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MAKUZA Bernard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **12/11/2010**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MAKUZA Bernard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°38/2010 RYO KUWA 25/11/2010 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE ITERAMBERE RY'UBUHINZI N'UBWOROZI MU RWANDA (RAB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°38/2010 OF 25/11/2010 ESTABLISHING RWANDA AGRICULTURE BOARD (RAB) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES , ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N°38/2010 DU 25/11/2010 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT AGRICOLE (RAB) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Icyicaro cya RAB

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RAB

Ingingo ya 4: Inshingano za RAB

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RAB N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RAB n'icyiciro irimo

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RAB

Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RAB

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y`Ubuyobozi ya RAB

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Head Office of RAB

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RAB

Article 4 : Responsibilties of RAB

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RAB AND ITS CATEGORY

Article 5: Authority supervising RAB and its category

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RAB

Article 6: Management organs of RAB

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors of RAB

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi

Article 2 : Définitions des termes

Article 3 : Siège de RAB

CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS DE RAB

Article 4 : Attributions de RAB

CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE RAB ET SA CATEGORIE

Article 5 : Organe de tutelle de RAB et sa catégorie

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RAB

Article 6: Organes de direction de RAB

Section première : Conseil d'Administration

Article 7 : Conseil d`Administration de RAB

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors**	**Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 9:Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	**Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**	**Article 9: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration**
Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru	**Section 2: General Directorate**	**Section 2: Direction Générale**
Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RAB	**Article 10: Composition of the General Directorate**	**Article 10: Composition de la Direction Générale de RAB**
Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba RAB n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RAB	**Article 11: Statute governing staff of RAB and benefits of members of the General Directorate and the staff of RAB**	**Article 11: Statut du personnel de RAB et avantages des membres de la Direction Générale et du personnel de RAB**
Ingingo ya 12: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego za RAB	**Article 12: Functioning,organization and responsibilities of organs of RAB**	**Article 12: Fonctionnement, organisation et attributions des organes de RAB**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**
Ingingo ya 13: Umutungo wa RAB n'inkomoko yawo	**Article 13:Property of RAB and its sources**	**Article 13 : Patrimoine de RAB et ses sources**
Ingingo ya 14: Kwegurirwa umutungo w'ibigo	**Article 14: Transfer of Public Institutions property**	**Article 14: Transfert du patrimoine des établissements publics**
Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	**Article 15: Use, management and audit of the property**	**Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**
Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RAB	**Article 16: Approval and management of the budget of RAB**	**Article 16: Adoption et gestion du budget de RAB**
Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 17: Annual financial report**	**Article 17: Rapport annuel de l'exercice comptable**

UMUTWE WA VI: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS TRANSITOIRE ET FINALES**
Ingingo ya 18: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 18: Transitional period**	**Article 18: Période transitoire**
Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'amategeko n'iry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 20: Repealing provision**	**Article 20: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 21 : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 21: Commencement**	**Article 21: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°38/2010 RYO KUWA 25/11/2010 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE ITERAMBERE RY'UBUHINZI N'UBWOROZI MU RWANDA (RAB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 18 Ukwakira 2010;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 12 Ukwakira 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 183 n'iya 201;

LAW N°38/2010 OF 25/11/2010 ESTABLISHING RWANDA AGRICULTURE BOARD (RAB) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 18 October 2010;

The Senate, in its session of 12 October 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,94, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

LOI N°38/2010 DU 25/11/2010 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE DEVELOPPEMENT AGRICOLE (RAB) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 18 octobre 2010;

Le Sénat, en sa séance du 12 october 2010;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90,92, 93, 94, 95, 108, 113, 118,183 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta;	Pursuant to the Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions;	Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics ;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;	Pursuant to the Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;	Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda ;
Ishingiye ku Itegeko n°58/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda;	Pursuant to Law n° 58/2008 of 10/09/2008 determining the organisation and management of aquaculture and fishing in Rwanda;	Vu la Loi n°58/2008 du 10/09/2008 portant organisation et gestion de l'aquaculture et la pêche au Rwanda;
Ishingiye ku Itegeko n°54/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda;	Pursuant to Law n° 54/2008 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda;	Vu la Loi n° 54/2008 du 10/09/2008 portant règlement de la police sanitaire des animaux domestiques au Rwanda;
Ishingiye ku Itegeko n°14/2003 ryo kuwa 23/05/2003 ryerekeye ituburwa, igenzurwa n'icuruzwa ry'imbuto nziza z'ibihingwa;	Pursuant to Law n° 14/2003 of 23/05/2003 on production, quality control and commercialization of plant quality seeds;	Vu la Loi n° 14/2003 du 23/05/2003 portant sur la production, le contrôle de qualité et la commercialisation des semences végétales;
Ishingiye ku Itegeko n°33/2002 ryo kuwa 6/11/2002 rigena ibiranga amatungo;	Pursuant to Law n° 33/2002 of 06/11/2002 regarding livestock identification;	Vu la Loi n° 33/2002 du 06/11/2002 portant identification du bétail;
Isubiye ku Itegeko n°40/2006 ryo kuwa 30/09/2006 rishyiraho rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubuhinzi (RADA);	Having reviewed Law n° 40/2006 of 30/09/2006 establishing and determining the organization, responsibilities and functioning of Rwanda Agricultural Development Authority (RADA);	Revu la Loi n °40/2006 du 30/09/2006 portant création, attributions, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais pour le Développement de l'Agriculture (RADA) ;
Isubiye ku Itegeko n°41/2006 ryo kuwa 30/09/2006 rishyiraho rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubworozi n'Ibikomoka ku Matungo mu Rwanda (RARDA);	Having reviewed Law n° 41/2006 of 30/09/2006 establishing the responsibilities, structure and functioning of Rwanda Animal Resources Development Authority (RARDA);	Revu la Loi n° 41/2006 du 30/09/2006 portant création, attributions, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais de Développement des Ressources Animales (RARDA) ;

Isubiye ku Itegeko n°42/2006 ryo kuwa 30/09/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubushakashatsi mu by'Ubuhinzi n'Ubworozi (ISAR);

Having reviewed Law n° 42/2006 of 30/09/2006 determining the responsibilities, organization and functioning of Rwanda Institute of Agricultural Research (ISAR);

Revu la Loi n°42/2006 du 30/09/2006 portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Institut des Sciences Agronomiques du Rwanda (ISAR) ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda cyitwa "RAB" mu magambo ahinnye y'icyongereza. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes the Rwanda Agriculture Board, abbreviated as "RAB". It also determines its responsibilities, organisation and functioning.

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office Rwandais de développement agricole, « RAB » en sigle anglais. Elle détermine également ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

RAB ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga Ibigo bya Leta.

RAB shall have legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with laws governing public institutions.

RAB est doté de la personnalité juridique, de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux dispositions relatives aux établissements publics.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa kuri ubu buryo:

1° **"akarere"**: ishami rya RAB riyifasha kuzuza inshingano zayo no gukorana n'inzego z'ubuyobozi bwegereye abaturage;

2° **"iyamamazabuhinzi"**: ibikorwa bihabwa abahinzi n'aborozi bigamije kubongerera

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° "**zone"** : branch of RAB enabling it to achieve its mission and collaborate with administrative decentralized entities;

2° **"agricultural extension"**: services meant for farmers in the context of strengthening

Article 2 : Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes :

1° **« zone »** : branche de RAB permettant à celui-ci de remplir sa mision et de collaborer avec les instances administratives décentralisées ;

2° **« vulgarisation agricole »** : services destinés aux agriculteurs et aux éleveurs dans le cadre

ubumenyi n'ubumenyingiro kugira ngo bongere umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi n'ibibukomokaho;

3° **"ubuhinzi"**: imirimo yose ikorerwa ku butaka yerekeranye n'ibihingwa ibyo ari byo byose n'amashyamba hamwe no guhumbika ingemwe z'ibimera;

4° **"ubworozi"**: imirimo yose igamije kurumbura amatungo ayo ari yo yose ku mpamvu z'inyungu ashakwaho;

5° **"itungo**": inyamaswa yose yororewe ku butaka, mu mazi, mu ishyamba cyangwa ifungiwe ahantu isanzwe ari inyagasozi.

Ingingo ya 3: Icyicaro cya RAB

Icyicaro cya RAB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

RAB ifite amashami mu turere tw'igihugu tune (4) ayifasha kuzuza inshingano zayo no gukorana n'inzego z'ubuyobozi bwegereye abaturage. Ishobora kugira andi mashami bibaye ngombwa, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

their capacities and knowhow in order for them to increase agricultural and animal production and by-products;

3° **"agriculture"**: any land activities relating to any plants and forests as well as the germination of seedlings;

4° **"animal husbandry"**: any operations aiming at animal production for a targeted interest;

5° **"domestic animal**": any animal kept on land, in water, forest or any wild animal locked up in a given area.

Article 3: Head Office of RAB

The Head Office of RAB shall be located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

RAB shall have four (4) zonal branches in order to fulfil its mission and work closely with decentralized administrative entities. It may have other branches if deemed necessary, upon approval by an Order of the Prime Minister.

de renforcer leurs connaissances et leur savoir-faire en vue d'augmenter la production agricole et animale et les produits dérivés ;

3° **« agriculture »** : toutes les activités foncières relatives à toutes les cultures et les forêts ainsi qu'à la germination des plants ;

4° **« élevage »** : toutes les activités qui ont pour objet la production des animaux dans le dessein d'un intérêt poursuivi ;

5° **« animal domestique »**: tout animal gardé sur la terre, dans l'eau, dans la forêt ou un animal sauvage enfermé dans un lieu donné.

Article 3 : Siège de RAB

Le siège de RAB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

RAB dispose de quatre (4) zones lui permettant de mieux accomplir sa mission et de travailler en étroite collaboration avec les instances administratives décentralisées. Il peut, en cas de nécessité, établir d'autres branches par un arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RAB

Ingingo ya 4: Inshingano za RAB

RAB ifite inshingano rusange yo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi ibivugurura, ikanakoresha uburyo bugezweho mu gutubura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, ubushakashatsi, iyamamazabuhinzi, inyigisho n'amahugurwa bigeza ku bahinzi-borozi ikoranabuhanga rishya.

Ku buryo bw'umwihariko, RAB igomba kwita ku nshingano zikurikira:

1° gushyira mu bikorwa politiki y'Igihugu y'ubuhinzi n'ubworozi;
2° kugira uruhare mu kugena politiki mu by'ubuhinzi, ubworozi, ubushakashatsi n'ikoranabuhanga mu by'ubuhinzi n'ubworozi;

3° kugeza ku bahinzi-borozi n'abaguzi b'umusaruro amakuru, ikoranabuhanga na serivisi byabafasha kunononsora kurushaho umwuga wabo, kugeza ku masoko y'imbere mu gihugu umusaruro uhagije kandi mwiza no kongera umutungo bakomora ku buhinzi n'ubworozi;

4° kwirinda no kurwanya indwara mu matungo no gushyira mu bikorwa ingamba zizewe zafasha mu kurwanya izo ndwara, kuzikumira, kuzisuzuma kugira ngo zimenyekane mu gihe gikwiye no kuzivura aho zagaragaye;

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RAB

Article 4: Responsibities of RAB

RAB has the general mission of developing agriculture and animal husbandry through their reform, and using modern methods in crop and animal production, research, agricultural extension, education and training of farmers in new technologies.

In particular, RAB shall have the following responsibilities :

1° to implement the national policy of agriculture and animal husbandry;
2° to contribute in determining policy in agriculture, animal husbandry, agricultural and animal husbandry research and technology;

3° to provide farmers and consumers of agricultural products with information, techniques and services meant for improving their profession and supplying the internal market with increased and quality production thereby raising their agricultural and animal husbandry incomes;

4° to prevent and fight animal diseases and implement appropriate strategies meant for ensuring control, prevention, diagnosis and treatment of animal diseases;

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE RAB

Article 4: Attributions de RAB

RAB a la mission générale d'assurer le développement de l'agriculture et de l'élevage à travers leur réforme, la modernisation de la production végétale et animale, la recherche, la vulgarisation agricole, l'apprentissage et la formation des agri-éleveurs aux nouvelles technologies.

Particulièrement, les attributions de RAB sont les suivantes:

1° mettre en application la politique nationale d'agriculture et d'élevage ;
2° contribuer dans la formulation de la politique de l'agriculture, de l'élevage, de la recherche et de la technologie en matière agricole et d'élevage;

3° mettre à la disposition des agri-éleveurs et consommateurs de produits agricoles les informations, les technologies et les services susceptibles de les aider à améliorer leur profession, à approvisionner les marchés internes par une production abondante et de qualité et à augmenter leurs revenus agricoles et d'élevage;
4° prévenir et combattre les maladies des animaux et mettre en application des stratégies efficaces permettant de les combattre, les prévenir et les diagnostiquer en vue de les identifier à temps et les traiter

		où elles apparaissent;
5° kwirinda no kurwanya indwara mu myaka, udukoko n'ibyonnyi biyangiza no gushyira mu bikorwa ingamba zizewe zafasha mu kuzirwanya no kuzikumira;	5° to prevent and control plant diseases, insects and pests and implement appropriate strategies meant for ensuring control and prevention of plant diseases;	5° prévenir et combattre les maladies des plantes, les insectes et les ravageurs et mettre en application des stratégies efficaces de lutte et de prévention;
6° gukora ubushakashatsi shingiro n'ubushakashatsi bugamije amajyambere bukemura ibibazo byagaragajwe mu buhinzi n'ubworozi n'ibibukomokaho;	6° to conduct baseline survey and research aiming at development and solving problems identified in agriculture and animal husbandry and by products;	6° mener une enquête préliminaire et des recherches visant le développement et la résolution des problèmes identifiés en matière agricole et d'elevage et des produits dérivés;
